Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali

Ref. № 3867/07.01.06/17 Kigali, ku wa 27/01/2017

Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Nyarugenge
KIGALI

Impamyu: Imyanzuro y'inama ~~isanzwe~~ y'Inama Njyanama
y'Akarere ka Nyarugenge yateranye ku wa 15/01/2017

Bwana Muyobozi w'Inama Njyanama,

Duhereye ku baruwa yanyu n^{0} 017/Njy/07.01.01/17 yo ku wa 20/01/2017 mwatwandikiye mutugezaho imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge yateranye ku wa 15/01/2017;

Nyuma yo gusuzuma imyanzuro yose yafashwe, twasanze ikwiye gushyirwa mu bikorwa. hubahirijwe ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza mwatugaragarije uretse umwanzuro nomero I15/01/2017 urebana no gushyira mu mwanya Bwana HATEGEKIMANA Fred, ku mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, tukaba tubagira inama yo kubanza kugisha inama Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo kugira ngo harebwe niba ibiteganywa na Sitati Rusange y'abakozi ba Leta byarubahirijwe.

Mugire amahoro n'Akazi keza.

MUKARULIZA Monique
Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali

Bimenyeshejwe:
- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
- Madamu Umuyobozi w'Akarere ka Nyarugenge
  KIGALI.

I. IRIBURIRO

Ku cyumweru tariki ya 15 Mutarama 2017, mu cyumba cy'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge hateraniye inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge, iyoborwa n'Umuyobozi w'Inama Njyanama, Bwana MUTSINZI Antoine.

II. ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA

1. Umujyanama MUTSINZI Antoine
2. Umujyanama KAJIWABO MUPENDA Joseph Poers
3. Umujyanama MUKANKUSI Léonille
4. Umujyanama BATETA Jeanne
5. Umujyanama BISHOKANINKINDI Dawudi
6. Umujyanama BUSERUKA Omer Luc
7. Umujyanama HABARIMANA Chantal
8. Umujyanama KABANO Jacqueline
9. Umujyanama KANANGA Richard
10. Umujyanama KAYIRANGA Eric
11. Umujyanama KAYISIME NZARAMBA
12. Umujyanama MUHUTU Gilbert
13. Umujyanama MUKAMUGEMA Jeanine
14. Umujyanama MUKARUKIZA Felister
15. Umujyanama MUKASHYAKA Immaculée
16. Umujyanama MUKAYIRANGA Georgine
17. Umujyanama MWENZANGU Laurent
18. Umujyanama NIWEMUGENI Prudence
19. Umujyanama NDAYISENGA Jean Marie Vianney
20. Umujyanama NSABIMANA Védaste
21. Umujyanama NYIRASHYIRAMBERE Marie Josée
22. Umujyanama Dr NYAMUSORE MWANZA José

III. UMUJYANAMA UTITABIRIYE INAMA AFITE IMPAMVU

1. Umujyanama RUTABINGWA Fernand

Inama yatangiye haririmbwa indirimbo yubahiriza Igihugu, hanyuma Umuyobozi w'Inama Njyanama ashimira Abajyanama b'Akarere, Abajyanama bahagarariye Akarere ka Nyarugenge mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali, abayobozi b'Inama Njyanama z'Imirenge igize Akarere ka Nyarugenge bitabiriye inama n'intumwa ya RGB yitabiriye ubutumire. Mbere yo gutangira inama Abajyanama babanje guhabwa ikiganiro ku ishusho ry'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego z'ibanze. Ikiganiro cyatanzwe na Madamu NSHUTIRAGUMA Espérance

Umuyobozi w'inama yibukije Abajyanama ingingo ziri ku murongo w'ibyigwa arizo zikurikira:

1. Gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 17/12/2016;
2. Kugezwaho igisubizo cy'Umujyi wa Kigali ku myanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 17/12/2016;
3. Gusuzuma no kwemeza raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 17/12/2016;
4. Gusuzuma no kwemeza Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yasuzumye inyandiko zikurikira:
   a) Umushinga w'ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Nyarugenge 2016-2017;
   b) Ubusabe bw'umuturage MURENZI Jean Paul usaba uburenganzira ku mutungo wa se ahagarariye ku butaka bwanditsweho Akarere ka Nyarugenge;
   c) Gusuzuma no kwemeza agaciro k'imitungo y'abaturage bakosoje banakoresha igenagaciro mpinyuza ku mitungo yabo iri ahagenewe umushinga wa IDP Model Village mu Murenge wa Mageragere;

5. Gukora ubugororangingo bw'imyanzuro No 86/11/2016 na No 87/11/2016 y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 18/11/2016, yerekeranye n'ubutaka bugomba kwegurirwa BDF.

6. Kwemeza umukozi mushya ku mwanya w' Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Nyarugenge.
7. Gushyiraho Komisiyo Adhoc izasuzuma ibipimo by'amahoro ku bukode bw'ubutaka 2016-2017.
8. Gusuzuma no kwemeza raporo ya Komisiyo yihariye (Adhoc) yasesenguye imicungire y'ikigo abagenzi bategeramo imodoka Nyabugogo.

Umuyobozi w'Inama yasabye Abajyanama ko ingingo ya kane agace (a) irebana no gusuma no kwemeza raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yasuzumye umushinga w'ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Nyarugenge 2016-2017, yakurwa ku murongo w'ibyigwa. Yasobanuriye Abajyanama ko Komite Nyobozi yabimenyesheje inama y'Abaperezida y'Inama Njyanama yateranye kuwa 13 Mutarama 2017, ko MINECOFIN yabasabye ko ingengo y'imari ivuguruye itakwemezwa mu nama yo ku wa 15 Mutarama 2017 kubera ibitaranozwa neza igomba kubanza gutangaho umurongo. Abajyanama bamaze kumva ibisobanuro byavuzwe haruguru bafashe umwanzuro ukurikira:

Umwanzuro nº 108/01/2017

Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge yemeje ko ingingo ya kane agace (a) irebana na raporo ya Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu yasuzumye umushinga w'ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Nyarugenge 2016-2017 ikurwa ku murongo w'ibyigwa ikazasuzumwa mu nama y'Inama Njyanama itaha.

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'Abajyanama bitabiriye inama (22/22).

IV. GUSUZUMA INGINGO N'IMYANZURO YAFASHWE

<u>Ingingo ya mbere</u> : Gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 17/12/2016.

Umwanzuro nº 109/01/2017

Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge imaze gusuzuma inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 17/12/2016 yarayemeje imaze kuyikorera ubugororangingo.

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'Abajyanama bitabiriye inama (22/22).

<u>Ingingo ya kabiri</u> : Kugezwaho igisubizo cy'Umujyi wa Kigali ku myanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 17/12/2016.

Umuyobozi w'Inama Njyanama yagejeje ku Bajyanama ibikubiye mu ibaruwa nº 3280/07.01.06/16 yo ku wa 28/12/2016 y'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge asubiza ku myanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 17/12/2016, asaba ko imyanzuro yafashwe ikwiye kwihutishwa gushyirwa mu bikorwa hubahirizwa ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza.

<u>Ingingo ya gatatu</u> : Gusuzuma no kwemeza raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 17/12/2016.

Umwanzuro nº 110/01/2017

Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge imaze gusuzuma raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 17/12/2016 yarayemeje bamaze kuyunguranaho ibitekerezo.

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'Abajyanama bitabiriye inama (22/22).

<u>Icyitonderwa</u>: Raporo yavuzwe haruguru ishyizwe ku mugereka w'iyi myanzuro.

<u>Ingingo ya kane</u>: Gusuzuma no kwemeza Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'ubukungu yasuzumye inyandiko zikurikira:

a) Ubusabe bw'umuturage MURENZI Jean Paul usaba uburenganzira ku mutungo wa se ahagarariye ku butaka bwanditweho Akarere ka Nyarugenge

Umuyobozi w'inama yahaye umwanya Umuyobozi wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'ubukungu, ageza ku Bajyanama ibikubiye muri raporo ya Komisiyo, bayunguranaho ibitekerezo maze bafata imyanzuro ikurikira:

Umwanzuro nº 111/01/2017

Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge yemeje ko Komisiyo y'Imari n'Iteramberebe ry'ubukungu yakora icukumbura ryimbitse, ikagaragaza ibyangombwa bisabwa n'amategeko ko MURENZI Jean Paul usaba uburenganzira ku mutungo wa se, ari mwene MUNYAKAZI Félicien.

Umwanzuro nº 112/01/2017

Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge yemeje ko Komite Nyobozi y'Akarere ka Nyarugenge yakora ibarura ry'ubutaka Akarere kiyandikishijeho butari ubwako n'ubutaka abaturage biyandikishije butari ubwabo, raporo ikazashyikirizwa Inama Njyanama mu rwego rwo gushaka umuti urambye w'ibibazo bishingiye ku butaka bihora bibazwa Inama Njyanama ngo ibisuzume.

Iyi myanzuro yemejwe ku bwumvikane busesuye bw'Abajyanama bitabiriye inama (22/22).

b) Gusuzuma no kwemeza agaciro k'imitungo y'abaturage bakosoje banakoresha igenagaciro mpinyuza ku mitungo yabo iri ahagenewe umushinga wa IDP Model Village mu Murenge wa Mageragere

Umuyobozi wa Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu yasobanuriye Abajyanama ko habaye kwibeshya mu guteranya amafaranga ariko nta cyahindutse ku mafaranga agenewe buri muturage yemejwe n'Inama Njyanama.

Nyuma y'ikosora ryakozwe amafaranga yagombaga kwemezwa n'Inama Njyanama ni miliyoni magana abiri na mirongo itandatu n'enye n'ibihumbi magana arindwi mirongo itanu n'icyenda n'amafaranga magana abiri n'abiri (**264,759,202 frws**), atandukanye n'ayemejwe mu nama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye kuwa 18/11/2016 mu mwanzuro **nº 84/11/2016** aho yemeje amafaranga angana na miliyoni magana abiri na mirongo itandatu n'imwe n'ibihumbi mirongo itandatu n'icyenda n'amafaranga magana acyenda mirongo irindwi n'umunani (**261,069,978 Frws**).

Abajyanama kandi basobanuriwe ko hari n'abaturage 4 bakoresheje igenagaciro mpinyuza bakaba baremeye amafaranga agomba kubishyurwa nyuma y'uko impande zombi zibyemeranyijweho. Abajyanama bamaze gusobanurirwa izo mpamvu zose zavuzwe haruguru, bafashe umwanzuro ukurikira:

Umwanzuro nº 113/01/2017

Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge imaze kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo yemeje igenagaciro rishya ry'imitungo y'abaturage 34 iri mu Murenge wa Mageragere, mu Kagali ka Kankuba mu Mudugudu wa Rugendabari ahazubakwa umudugudu w'icyitegererezo rihwanye n'amafaranga miliyoni magana abiri na mirongo irindwi n'ibihumbi magana atatu na mirongo ine na bitanu n'amafaranga magana inani na mirongo itandatu n'abiri (**270,345,862 frws)**

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'Abajyanama bitabiriye inama (22/22).

Icyitonderwa: Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu ishyizwe ku mugereka w'iyi myanzuro.

<u>Ingingo ya gatanu</u>: Gukora ubugororangingo bw'imyanzuro No 86/11/2016 na No 87/11/2016 y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye kuwa 18/11/2016, yerekeranye n'ubutaka bugomba kwegurirwa BDF.

Umuyobozi wa Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu yagaragarije Abajyanama impamvu hagomba gukorwa ubugororangingo bw'iyo myanzuro uko ari ibiri.

Habayeho imbogamizi mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyo myanzuro, aho byagaragaye ko ubuso buri ku byangombwa by'ubutaka (Titres de Proprietés) butandukanye n'ubuso bwemejwe n'Inama Njyanama muri iyo myanzuro ibiri yavuzwe haruguru.

Ubuso bwashyikirijwe Inama Njyanama kuri fiche cadastrale ku gice cy'ubutaka kigomba kwandikwaho BDF bungana na 1515 sqm, ubuso bwasohotse ku cyangombwa bungana na 1505 sqm . Ku gice cy'ubutaka bugomba gusigara bwanditse ku Karere , fiche cadastrale yashyikirijwe Inama Njyanama bungana na 757 sqm naho ubwasohotse ku cyangombwa cy'ubutaka bungana na 737 sqm .

Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo kuri iyo ngingo bafashe umwanzuro ukurikira:

Umwanzuro nº 114/01/2017

Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge yemeje ko Komite Nyobozi y'Akarere ka Nyarugenge yakosoza ibyangombwa by'Akarere bifite ibirango UPI: 1/01/05/01/2269, 1/01/05/01/2668 na 1/01/05/01/500, ikanafasha gukosoza n'ibyangombwa by'ubutaka by'abaturage bafite ubutaka buhana imbibi n'ubw'Akarere bifite ibirango UPI: 1/01/05/01/501 na 1/01/05/01/836.

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'Abajyanama bitabiriye inama (22/22).

<u>Icyitonderwa</u>: Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu ishyizwe ku mugereka w'iyi myanzuro.

<u>Ingingo ya gatandatu</u> : Kwemeza umukozi mushya ku mwanya w' Umunyambanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Nyarugenge.

Umwanzuro nº 115/01/2017

Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge yemeje Bwana HATEGEKIMANA Fred ku mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Nyarugenge ishingiye kuri raporo y'amanota yatanzwe na RALGA, n'inyandiko zashyikirijwe Inama Njyanama zikubiyemo ibyemezo bigaragaza ko yujuje ibisabwa biteganywa n'amategeko (Itegeko No 86/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rishyiraho Sitati rusange igenga abakozi ba Leta).

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'Abajyanama bitabiriye inama (22/22).

<u>Ingingo ya karindwi</u> : Gushyiraho Komisiyo Adhoc izasuzuma ibipimo by'amahoro ku bukode bw'ubutaka 2016-2017.

Nkuko byemejwe n'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye kuwa 18/11/2016 mu mwanzuro **nº 89/11/2016** yemeje ko hajyaho Komisiyo yihariye (Adhoc) kugira ngo izacukumbure ibipimo by'amahoro ku bukode bw'ubutaka by'umwaka 2017 ikazatanga raporo mu nama y'Inama Njyanama.

Umwanzuro nº 116/01/2017

Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge yemeje Abajyanama bagize Komisiyo yihariye (commission Adhoc) izacukumbura ibipimo by'amahoro ku bukode bw'ubutaka 2016-2017 n'ibindi bipimo by'amahoro yinjira mu Karere ka Nyarugenge, ikazageza raporo ku Inama Njyanama nyuma y'amezi abiri. abo Bajyanama ni aba bakurikira:

1. Umujyanama KAYIRANGA Eric
2. Umujyanama BUSERUKA Omer Luc
3. Umujyanama MUHUTU Gilbert
4. Umujyanama MUKAMUGEMA Jeanine
5. Umujyanama MUKANKUSI Léonille
6. Umujyanama MUKARUKIZA Felister

7. Umujyanama MUKASHYAKA Immaculée

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'Abajyanama bitabiriye inama (22/22).

<u>Ingingo ya munani</u> : Gusuzuma no kwemeza raporo ya Komisiyo Adhoc yasesenguye imicungire y'ikigo abagenzi bategeramo imodoka Nyabugogo.

Umunyambanga wa Komisiyo yihariye (Adhoc) yageje ku Bajyanama raporo y'isesengura ry'imicungire y'ikigo abagenzi bategeramo imodoka (Gare ya Nyabugogo), Abajyanama bayunguranaho ibitekerezo bafata imyanzuro ikurikira:

Umwanzuro nº 117/01/2017

Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge yemeje raporo ya Komisiyo yihariye (Adhoc) yasesenguye imicungire y'ikigo abagenzi bategeramo imodoka (Gare ya Nyabugogo) imaze kuyunguranaho ibitekerezo.

Umwanzuro nº 118/01/2017

Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge irasaba Komite Nyobozi y'Akarere ka Nyarugenge gushyira mu bikorwa inama zikubiye muri Raporo ya Komisiyo yihariye (Adhoc) yasesenguye imicungire y'ikigo abagenzi bategeramo imodoka (Gare ya Nyabugogo).

Iyi myanzuro yemejwe ku bwumvikane busesuye bw'Abajyanama bitabiriye inama (22/22).

<u>Icyitonderwa</u>: raporo ya Komisiyo yihariye (Adhoc) yasesenguye imicungire y'ikigo abagenzi bategeramo imodoka Nyabugogo (Gare) ishyizwe ku mugereka w'iyi myanzuro.

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama yatangiye imirimo yayo saa yine (10h00') za mu gitondo iyisoza saa kumi n'igice (16h30) z'umugoroba.

Bikorewe i Nyarugenge, ku wa 15 Mutarama 2017.

Umwanditsi w'inama:

MUKANKUSI Léonille
Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge

Umuyobozi w'inama

MUTSINZI Antoine
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge